Igihugu cya Uganda gitegekwa n'igitugu cya gisirikari, kandi Minisitiri ikomeye ariyo y'ingabo igenzurwa ijana ku ijana n'abatutsi. Muri abo abatutsi b'aba bagakiza twavugaga cyane cyane nka:

- Yoweri Museveni, umuhima, Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'ingabo.
- David Tinyefuza, umunyamabanga wa Leta muri icyo minisitiri.
- Mbonye, umunyamabangamukuru.
- General Major Mugisha Muntu, umukuru wa Etat Major w'ingabo za Museveni (NRA)
- Lt Colonel John Mateka, ushinze ubutegetsi n'abakozi muri icyo minisitiri.

Jim Muhwezi, umukuru w'iperereza.

- Major Byemaro, ushinze iperereza rya gisirikari.

- Patrick Karejya nawe ukora muri icyo serivisi y'iperereza.

General Major Elly Tumwine, ushinze ibibazo bya gisirikare.

- General de Brigade (Brigadier) Joram Mugame, ushinze iby'imirwano muri icyo minisitiri.

- Brigadier Chef Ali, utegeka "division" ya 3.

- Lt Colonel John Baptist Mulindwa utegeka "brigade" ya 319.

- Lt Colonel Muhanguzi ushinze imirwano muri "division" ya mbere.

- Lt Colonel Jackson Bell, ushinze imirwano muri "division" ya kane.

- Lt Colonel John Nkanga ushinze umutwe urinda Museveni akaba na "garde du corps" we.

- Major Aloho, utegeka "bataillon" ya mbere.

- Major Dick Bugingo wungirije ushinze ibikoresho bya gisirikari muri NRA, ariwe Lt Colonel JET.

Lt Colonel Kaazini, musaza w'umugore wa Museveni, ushinze icyicaro cy'abapolisi kiri ahitwa Makindye. Uwo niwe werekana abasirikari bahuje ibitekerezo na Museveni bagombakunyongwa. Mubamaze kwivugana harimo Lt Colonel Odeyo yabeshye icyaha cy'ubugambanyi akaba afungiyeye muri gereza y'i Luzira ategereje kumanikwa mu kagozi.

- Major Habyarimana ushinze abapolisi bo mu muhandanda (sécurité routière).

- Katambuka, musaza w'umugore wa

Museveni ushinze gereza zose zo mu karere k'u Buganda, akaba yungirije ushinze iperereza. Uwo mugabo n'undi witwa Nsalasata barica bagakizama muri gereza y'ahitwa Luzira. Ikindi cyerekana ko abatutsi bifatiye neza igihugu cya Uganda ni uko ingabo za Museveni (NRA) zifite "brigades" zirindwi zose zitegekwe n'abatutsi. Abakuru ba za "bataillons" bose ni abatutsi n'izindi nzego zo hejuru zifitwe n'abatutsi. Muri Minisitiri zindi naho ni uko. Ku banyamabanga bakuru 39.14 bose ni abatutsi kandi bashyizwe muri Minisitiri zikomeye. Ubundi bwoko buri muri Uganda kandi bugize hafi 95 ku ijana by'abaturage b'icyo gihugu cyane cyane abo mu bwoko bw'abaganda bafite imyanya itanu gusa, abo bita "acholi" bafite imyanya ine.

**Abatutsi ba Museveni bagiye kumarira abanya Uganda ku icumu.**

Impunzi z'abatutsi nizo zikwiye imyanya muri serivisi zishinze iperereza ryaba irya gisiviri cyangwa se irya gisirikari. Abafite ubuhanga n'ubugome nibo bazamurwa mu ntera. Uzwi cyane muri urwo rwego ni Major Kagame wategetse icyo serivisi imyaka ine. Yivuganyaga kandi agirira nabi abanya Uganda batagira ingano. Ni Kagame wahimbye uburyo bwose bubi bubaho bwo kwica. Twavugaga nko kuniga abantu, kwicisha amashyamba ariko cyane cyane ibyo bita «akandooya» bisha no kwicisha ingoyi kwa kera. Cyangwa se kumena ku muntu plastic cyangwa caoutchouc bashongesheje, kuzirika intosho iremereye cyane ku mabya... (Komeza ku rup. 15)

## TWIZERE IKI KU MATORA YIMIRIJE MU BURUNDI ?

Kw'igenekerezo rya 1 Ruheshi 1993, mu Burundi hazoba amatora y'umukuru w'igihugu, amatora y'ihutituti, amatora arimwo amananiza atagira uko angana, amatora azoba kubera igitsure ca UPRONA n'igisoda cayo ciziziwe n'abatutsi.

Hari bamwe bamwe bibaza ko ari intambwe muri demokarasi, ariko ibihe turimwo ntaho bitaniye n'ivyaranze Uburundi mu myaka ya 1960-1965.

Ntawuyobewe ko abatutsi bategekesheje Uburundi - n'ubu ariko bikimeze - ibinyoma, agahotero, umukazo, ubwicanyi... imyaka irenze amajana ari. Ku camu co kimwe no kuri republika za gisoda, Abahutu n'Abatwa bagizwe inyamaswa zo kunigagurwa n'abategetsi uko bavyiyumvisemwo.

Umugambwe PALIPEHUTU uharanira gukura Abahutu n'Abatwa mu buja, no gushikana abarundi bose kuri demokarasi nyakuri yubahiriza agateka ka zina muntu ushimye gushyiriza abarundi bose n'amakungu icyo ubona kuri ayo matora yimirije.

Tutirwe turagaruka ku nganda z'Abahutu n'Abatwa Buyoya yayogeye nk'uko na bakuruwe bamutanguriye babigira, ikindi camuranye ni ukuzigiriza abanyagihugu gutora bemeza amasezerano y'ubumwe batagiriye. Murumuna rero ko n'ubwo yemejwe, ayo masezerano atagira ishimikiro kuko Buyoya we agomba ko ayo masezerano azimanganya akahise kandi nako ariko gategura akazozza. Ayo masezerano y'ubumwe rero ni ayo gusinziriza Abahutu n'Abatwa : ubumwe bugirwa n'abashaka kandi bafise umutima wo kubugendera. Ni kuki Abatutsi bazigiririza Abahutu n'Abatwa kwibagira ababo bapfuye bishwe n'abirigwa baricwa na UPRONA n'Abatutsi, ababo bangajwe n'abacangazwa, aho rero ntituvuze abanyazwe n'abakinyagwa utwabo n'iyi ntwaro.

Ni kuki Abahutu n'Abatwa bazigiririza kwirengagiza akarenganyo n'agahotero bagirigwa na UPRONA n'Abatutsi bitwaje ubumwe ?

Inyuma y'amasezerano y'ubumwe, hemejwe muri Ntwarante 1992 ibwirizwa shingiro ryemera imigambwe myinshi ariko ritikwije, kuko ryubakiye ku mananiza n'inyungu za UPRONA na Buyoya : ryategerezwa kwemera imigambwe yose iri mu Burundi, abanyagihugu bakaba aribo bicagurira uwo bumva ko ubashitse ku nyota biciye mu nzira y'amatora.

Igitangaje rero ni uko n'iryo bwirizwashingiro ritanuzuye, abaryishiriyeho hamwe n'abaryemera bibananira kuryubahiriza :

uko iryo bwirizwashingiro ribivuga, abanyagihugu nibwo bitorera ababarongora bahereye kubutegetsi bwa Komine, hanyuma bagatora abashingamateka ari nabo baheza bagategura amatora y'umukuru w'igihugu.

Rivuga kandi yuko mugambwe urekuriwe kugira imihari iwukomokako milices.

- Ntiriyemera ko umusoda agira umugambwe yegamiye....

Nk'uko twabivuze rero hejuru, amatora yimirije arimwo uburyarya n'imitego myinshi ari naco gituma UPRONA na Buyoya bayihutisha.

Ni kuki UPRONA na Buyoya baranga kw'ikwirizwashingiro bishiriyeho, bagahatira abanyagihugu ku matora ya prezida kandi bataritorena ababaserukira mu ma Komine no mu nama nshingamateka ?

Aho umutego uri : mu 1965, abanyagihugu bitorera inama nshingamateka, Abahutu baratsinze; eka no mu nama nkonguzamateka (Senat) yashizweho n'umwami ku gahato, Abahutu barongeye baratsinda, ariko murazi ko Umututsi atavyihanganiye ! Ubu hoho ntahagombwa ko vyobanza no kumera gutyo.

\* Ni kuki UPRONA na Buyoya banse kwemera imigambwe yose y'abarundi harimo na PALIPEHUTU uharanira abanyagihugu 86% ubu bakaba aribo bariko baritwaza mu gushaka kunigira mu mashi demokarasi ?

\* Ni kuki UPRONA na Buyoya vyanse kwiyonkora igisirikare, J.R.R., U.F.B. na C.S.B. kandi ibwirizwashingiro bishiriyeho rifemera ko abasoda begamira umugambwe n'umwe canke ngo umugambwe ugire imihari iwukomokako ?

\* Ni kuki Petero Buyoya ari umusoda (Major) azokwitoza mw'izina ry'umugambwe UPRONA usanzwe wifitiye abawurongora kandi ibwirizwashingiro ritamwemerera kuba mu mugambwe n'umwe ?

\* Abarundi bariko bagana demokarasi nyabaki mu gihe Buyoya na

UPRONA bakora amarorerwa nk'ayo Pierre Claver SENDEGEYA, Melchior NDADAYE, Shadrack NIYONKURU, Jean KABURA, Gaetan NIKOBAMYE, KABUSHEMEYE n'abandi barongoye imigambwe y'abarundi babiraba bakirengerezako uruho rw'amazi ?!

\* Kazozza k'iyi demokarasi ni akahe mu gihe uwo wese adapfukamiye UPRONA na Buyoya agihigwa buhongo n'abasoda ba UPRONA n'atundi dushami twayo hamwe n'abacangero ?

\* Aho barongoye imigambwe «yemewe» bariko badutegurira demokarasi nyabaki mu gihe bemera ko haba amatora ata Leta mfatiki-banza bahurikiyemwo iyateguye ? Ariko ategurwa na ba nde ? Hisuzwe avaha ayahe mategeko ?

\* Mbe ni kuki imigambwe «yemewe» yabeshe abantu ibizeza ivyo izobakorera ishitse ku butegetsi, umwe umwe wose ugatanga programme yawo, uno mushi ikaba ariho ibonye ko yokwikoranya kugira ngo ishobore guhangana na UPRONA nka kumwe mu 1965 za P.P. na P.D.C. zabigira zigaca zikamanganira muri Front Commun ? Abari babayobotse bazoca haba aba ba nde ?

\* Demokarasi ivugwa aha mu Burundi ni iyi ba nde ko amabohero arushirizaho kwuzura, abahungutse bagiturubikwa, bamwe bagasubira guhunga, abandi bagatabwa mu kangeratete aho kwakirwa nk'abavandimwe bisanze, ndetse bagasubizwa n'amatongo yabo ? None ni ukuvuga ko Abahutu n'Abatwa tuzozza turatema amashamba, tugatunganya amatongo dutunganiriza Abatutsi ?

\* Ko tuzi ko radiyo na television ari ivy'abanyagihugu, ni kuki UPRONA na Leta yayo bibandanya kuvyigungana ?

\* Mbe ko Buyoya na UPRONA vyabananiye kwubahiriza ibwirizwashingiro bishiriyeho, imigambwe bagize ngo baremeye nayo ikaba isi n'uko igendera mu kwaha kwa UPRONA, PALIPEHUTU yoyo na M.P.D. bayihoye iki muri iryo higanwa ?

## NINDE UZAHANGANA N'INYENZI NIZITAHUKA.

Ibibazo biba byinshi ariko ibizaba ubutaha bizashoborwa na bake. Mvuzze bake kubera ko intambara igitangira buri muhutu wasangaga mu bikorwa bye bya buri muni arangwa no kurwanya inyenzi. Uko iminsi yicumaga niko inyenzi zakoraga uko zishoboye zigakoresha amafaranga n'abakobwa bazo (ku babakunda) maze zigacamo ibice abahutu. Ubwo ingufu zo kurwanya inyenzi zikagenda zigabanyuka. Nyuma imirwano yaje guhindurira isura.

Inyenzi zibona ibyitso muri guverinoma. Ubwo imirwano iva ku mupaka ibera imbere mu gihugu kugeza ubwo komini Tare ya Kigali inyenzi zahageze bitaziruhije kubera ibyitso zari zimaze kugira mu gisirikare. Nta kindi ibyo byitso byakoze usibye gutera umutima mubi mu basirikare bato maze bitabira gusahura imigi ya Gisenyi, Ruhengeri na Byumba. Maze inyenzi zikabaza mu nyuma zigafata aho bari bari zitarushye.

Namwe nimwibaze kubona abasirikare basahura abaturage bashinzwe

### WARI UZIKO ?

KANGURA imaze gukora anketi ku mpamvu zatanye inyenzi zifata ahantu hanini? Mu gihe twari tutaratangazaga abasirikari b'ibitso b'aba ofisiye bazifashije, sinzi uko umwe mu basirikare b'ibitso afatanije na Commandant BIZIMANA, umuhanga mu gusahura no kwica mu ibanga, yaje gusanga icyo anketi izatuma bashyikirizwa inkiko, maze nibwo bakwije ibihuha ngo NGEZE Hassan akorana n'inkotanyi. Ngo kuko ibyo avugaga, nta kuntu yabimenyaga atabana nazo. Ubwo telegaramu zoherezwa mu nzego nkuru za gisirikare maze nazo zihita zitanga itegeko ngo NGEZE Hassan ntacyo apfana n'inzego za gisirikare. Ngo ntazongere kwemererwa kwinjira mu biro bya gisirikare. Aha umuntu akaba yakwibaza niba ubusanzwe narumemerewe kwinjira. Banakwije ibyo bihuha no mu basirikare. Ese ni iki KANGURA yakorera inkotanyi?

Ngo impamvu ni uko dutinda gusohora Kangura maze inyenzi zikagira agahenge. Aha turabibutsa ko ubwanditsi bwa Kangura aribwo buzi ibizabwo buhura nabyo. Twiyambaza abahutu b'umutima ari nabo batuma Kangura ibaho. Usibye ko atari ngombwa kubavugaga ariko Kangura ibageraho ku ngufu zabo. Ese ni nde ufite icyo yashoye muri Kangura none akaba yarahombye? Basomyi bacu, nshuti muratumenyere ibiri inyuma y'abo bagome.

kurinda kandi batahwemye kubashyigikira. Byabaye igitego gikomeye ku ruhanda rw'inkotanyi kandi tuzatinda kucyishyura. None se ba Commandant BIZIMANA bayoboye aho basirikare ntibigaramye! Amafaranga yavuye mu byo basahuye se siyo yuzuyemo amagorofa! Ikindi ni uko ubu abantu bibaza ukuntu bazahangana n'inyenzi zibari iruhanda kandi barazirwanije zikiri muri Uganda none zikaba zigeze hose mu gihugu! Ni ah'abagabo.

### Ni nde uzahangana nazo ?

NGEZE Hassan biragaragara ko ari we uzakomeza guhangana n'inyenzi mu rwego rw'itangamakuru. Ahangane nazo mu gusobanura demokarasi no kurengera inyungu z'abahutu cyane cyane yerekana aho ubugome bw'inyenzi bugeze. BARAYAGWIZA nawe ategereje kuzakoresha ubuhanga abahutu bamuziho maze ahangane n'inyenzi mu kuzisobanurira ko imigambi y'ubwicanyi nta mwanya

NGEZE Hassan, icyamamare muri Afurika yose, nk'uko bimaze gutangazwa mu gitabo cyitwa "Politique africaine" -Violence et Pouvoir n°42 ku rupapuro rwa 109 kugeza ku rupapuro rwa 120. Abo bazungu basanga NGEZE Hassan ariwe munyarwanda uzwi cyane mu Rwanda no mu mahanga. Basanze inzandiko za NGEZE zaramamaye ku buryo butangaje. Bemeza ko abana bazavuka bazashobora kwiga izo nyandiko mu mashuri. Baremeza kandi ko NGEZE yabaye umuhanuzi w'abahutu bo muri Afurika yo hagati.

izahabwa. Azisobanurire ko naho zakwica zitarangiza abahutu. BARAYAGWIZA azaba igihangange ku buryo burenze urugero.

BUCYANA Martin, azaba ategerejwe kugaragaza ko disikuru ze yavuze azazikomeza. Yagira icyo ahindura akaba aratsinzwe kandi n'abamuri inyuma bakaba bacyitse intege. Aha ngaha arasabwa kuzemera kwitanga ahangane nazo. Yerekane ko agasuzuguro k'izo nyenzi atazakemera na rimwe. Maze BUCYANA afatwe mu karere k'Afurika yo hagati nk'umwami Dawidi wo muri Bibiliya, Hashoboraga no kuboneka abandi bahutu ariko abo twari twizeye ko bazadufasha inyenzi zatangiye kubica. Dore GAPIYISI arahise. TWAGIRAMUNGU na MUSA-NGAMFURA baracyari aho kandi aribo bamuhitanye.

Ntawamenya niba inyuma ya GAPIYISI, ba MBONAMPEKA batazacyika intege Turategereje!

### BARANYERETSE Mustapha.

Ntibanatinye no kuvuga ko NGEZE Hassan umwanya wose yakwiyamamamiriza mu Rwanda no mu Burundi ariwe waba uwa mbere kubera ko ubutwari bwe bwagaragaye kimiwe n'ubwa MANDELA. Muri icyo gitabo habonekamo ya mategeko cumi y'abahutu na ya yandi cumi n'icyenda y'abatutsi.

Icyo gitabo kiragurishirizwa ku isi yose, ahagurirwa ibitabo. Mu Rwanda kirabarizwa muri Caritas-Kigali. Abashaka kumenya ubugome bw'abatutsi mugure icyo gitabo. Kangura.

#### Journal KANGURA

#### Comité de Rédaction

NGEZE Hassan : Directeur de Publication et Rédacteur en Chef

NYABYENDA Issa : Rédacteur en Chef Adjoint

NDEKEZI Bonaparte : Journaliste

MIRASANO Célestin : Journaliste

SIBOMANA NABANTU : Journaliste

SIMBIZI Stanislas : Journaliste

HITIMANA Nool : Journaliste

Icapire : Imprimerie Nationale du Rwanda.

Tirage : 30 000 exemplaires

KANGURA ibarizwa mu Burundi hose:

Bujumbura (Mairie) ni kwa NTAKABANYURA Jules ni kwa NTAZAGA

Bujumbura (Rural) ni kwa NYANDWI Etienne ni kwa NYASHA

GITEGA ni kwa NTAHIMPERA Guguire ni Nyanugari

GIBITOKE ni kwa NDAYISENGA Jules mu Rugombo.

KAYANZA ni kwa NZOBONIMPA

André w'i Gatwara

- MURAMVYA ni kwa KARIBWAMI Benoît mu Biganda

- BURURI ni kwa KABURA Marcelle i Kiramba

- BUBANZA ni kwa HARIMENSHI Jean Marie ku Mwokora

- KIRUNDO ni kwa MACUMI Jonas mu Rusarazi

- MUYINGA ni kwa BASOMINGERA François Xavier kw'i Taba

- CANKUZO ni kwa MANARIYO i Mushisha

- RUYIGE ni kwa BURARAME Antoine i Muyaga

- HUTANA ni kwa SAKUBU Léonce i Nkoma

- MAKAMBA ni kwa NTAKABURIMVO Martin i Nyabigina

KARUZA ni kwa BARUTWANAYO Emmanuel i Buhiga.

KANGURA irabarizwa no muri za mitingi zose z'amashyamba aharanira guhirika ubutegetsi bwa Gitutsi.

Amatora y'ihutihuti azosokorora vyinshi kuko ntatomoye. Ikibabaje ni uko n'abahiganwa ubwabo umenga ntibabibona!

Mbe ko hasohotse itegeko ry'«Abarundi» bazotora bafise ibikararasi kubera badafise karangamuntu, abo bobo baba hehe? batembera gute? Ni ba nde? Bakora iki? Nta nkeka ko abo bantu ari abacangero ba UPRONA.

PALİPEHUTU wo ubona ko hari ibintu bitaraboneka kandi arivyo ngenderwako kugira ngo demokarasi itsimbatare mu Burundi:

1. Igisirikare ca gitutsi ca UPRONA kikwirizwa gusenyerwa hagashingwa igisirikare kigizwe n'Abarundi bose.
2. Imigambwe yose harimwo na PALİPEHUTU ibwirizwa guhiganwa, abanyagihugu bakihitiramwo uwubashitse ku nyota.
3. Abahungutse bategerezwe kwubahwa nka ben'igihugu, bagasibizwa ivyabo n'amatongo yabo.
4. Leta ya UPRONA itegerezwa gupfungura abapfungiwe politike kandi ikabemerera kubandanya ivyabo nta nkurukizi.
5. UPRONA na Leta yawo bitegerezwa kwemera ko Abarundi bose bangana imbere y'amategeko, bafise uburenganzira bungana, ko aribo bitorera ababarongora, ko Umurundi wese akwiye gukora akazi karinganiye n'ubushobozi bwiye kandi akoroherezwa uburyo bwo kukarangura.  
Ubutegetsi, igisirikare, amashuri n'iyindi mirimo yose y'ubuzima bw'iginugu, biwirizwa gusabikanywa n'Abarundi bose ata wandya wa ngura: Abahutu 85%, Abatutsi 14% n'Abatwa 1%.
6. Imihari ya UPRONA n'amategeko yawo bitegerezwa kuranduranwa n'imizi kuko vyaranzwe no guturubika, kunyaga no kwica Abahutu n'Abatwa.
7. Amategeko ngenderako y'igihugu ategerezwa gushingwa n'imigambwe yose y'Abarundi na PALİPEHUTU urimwo, bigahagarariwa n'amakungu.
8. Abagaragayeho ubwicanyi no gushahura ubutunzi bw'igihugu bategerezwa gucigwa urubanza n'abanya-

gihugu ubwabo (Tribunal Populaire) aho gukingirwa ikibaba n'ubutegetsi kuko nabwo ubwabwo butishimiwe n'abanyagihugu. Abo nabo ni nka: André Muhirwa, Jean Ntiruhwama, Arthemon Simbana niye, Albin Nyamoya, Michel Micobero, Prime Niyongabo, Jean Baptiste Bagaza, Emile Mworoha, Pierre Buyoya, Musenyeri Ntuyahaga Michel, Madame Samoya Collette, Jean Claude NDIYO, Aloys Kadoyi, Cyprien Mbonimpa, Paul Rusiga, Libère Bararunyeretse, Adrien Sibomana, Laurent Kagimbi n'abandi benshi cane.


PALİPEHUTU n'Abarundi bose banyotewe ubutungane, amahoro n'iterambere rya bose, turiyamirije ibinyoma vya UPRONA n'ivyitwazo iriko irementanya kugira ngo isese

kandi mwitondere ibivugwa na UPRONA na Leta yayo, hanyuma mukurikiranire hafi ivyo igisirikare ca Buyoya kiriko kirakora.

Mwame mwibuka ko igihe cose amaraso y'Abahutu n'Abatwa yasesetse, UPRONA na Leta zayo zavugaga ko zafashe integuro z'ibitero vy'Abahutu; ubu bakaba baharaye PALİPEHUTU.

Ni mwibaze namwe ukuntu Abatutsi bavugaga ko bafashe ama grenade muri Komine Busoni amaze amezi abiri ahambwe mu mirima y'Abahutu! Ni kuki batayazuye agihambwa muri iyo mirima?

Iyo bavugaga naho ko akomoka mu Rwanda, ni kuki batavugaga ahari ihingurira rikora ibirwanisho mu Rwanda canke isosiyete nyarwanda icuruzaza ivyo birwanisho? Ako ntimwumvako ari akigenzo!



amaraso y'Abahutu n'Abatwa kumwe yabigira mu 1965, 1969, 1972, 1979, 1988, na 1991.

Biragaragara ko Buyoya na UPRONA bariko barondera intanduruko yo gusubira kurigita inganda z'Abahutu n'Abatwa, na kurangura za ndoto z'Abatutsi zo kwigarurira ibihugu vyo muri Afrika yo hagati n'iy'ubuseruko.

Barundi, Barundikazi na mbewe mwese muharanira amahoro kw'isi, mube maso kubiriko biraba

Igihugu nticubakwa n'igitsure, nyabuna cubakwa n'imitima ya bene-co. Ubumwe bugira abashaka kandi bafise umutima wo kubugendera.

Mu gihe naho ivyo twavuze bitarubahirizwa, PALİPEHUTU ibona ko demokarasi aha mu Burundi, ikiri kure nk'ukwezi.

Nico gituma abaharanira demokarasi nyakuri tutoshira amaboko mu mpuzi.

BAZOMPORA Thaddée  
ROHERO I, i Bujumbura.

## GISENYI : MURI IKI GIHE, COMMANDANT BIZIMANA, WE N'INGURUBE BARAHIGA MU MAKOSA.

Hari ibintu tuba dukwiye kwemera kubera ingufu zisobanura neza uko ibyo bintu ubwabyo biba biteye. Aha umuntu yatanga urugero rwa Commandant Bizimana. Kuva intambara yatangira yabashije guhangana n'inkotanyi zituriye umugi wa Goma uhanimbibi n'umugi wa Gisenyi wubatsemo ikigo cya Jandarumori abereye umuyobozi. Byabaye ngombwa ko inkotanyi ziyobowe na Gahiga, Nouveau Riche Pascal zishaka kumwica, ariko biranarirana. Mu makuru twabashije kumenya, Bizimana ari mu batanze amakuru menshi yerekana uko umwanzi (umuvandimwe) ahagaze. Kubera ko raporo yagiye atanga ari nyinshi kandi z'ingirakamaro bituma abarirwa mu bakazi.

Twe tuzi ko abamutegeka bamubarira mu bahanga mu iperereza, tukongerera tukamenya ko ari byo yitwaza kugirango akandamize abo ashinzwe kubungira bungira umutekano, twiyemeje gutanga ifoto ye nyayo y'ikirumirahabiri. Abamaze imyaka nk'itanu mukora muri MININTER, mumugere ranye na ex-Préfet mwitaga intyoza kubera raporo yoherezaga kandi abaturage yarabajambije. Bityo tuboneyeho kwiyama abategetsu baha umuntu agaciro bahereye ku mpapuro gusa, ntibahaguruke ngo bamusange aho ari, barebe ibyo yica n'ibyo akiza.

Dore rero. Mu mpera za Nzeri, Commandant Bizimana yagiye muri konji iwabo i Byumba. Asanga atage ndeye muri Pajero atakwikirwa neza. Agufatira imodoka y'umuzayiruha bafatanyaga mu kuvuyanga umugi wa Gisenyi, ayivanyaho «plaques» zo muri Zaire ashiraho izo mu Rwanda mu buryo butemewe n'amategeko. Muri buvuye muti «officier» igihe cyose aba ari ku kazi. Kandi kuba ari na maneko ni uburyo bwe bwiza bwo kwiyoberanya». Ibyo ntibibuzakongeraho ko na nyuma yaho yakomeje kujya ajyana iyo modoka i Kigali. Niba hari abatari bazi aho yavuye bazabikurikirane.

Nibabikurikirana bazamenya ko mbere yaho, kuri Goma habaye imyigaragambyo yo kubuza ibishyamba kwambuka ku Gisenyi. Abayishoje ni Commandant Bizimana n'uwo umutiza imodoka. Intandaro yabyo ni uko Perefe Habiyambere wa Gisenyi, yari amaze kuvuga ko uwo ariwe wese ushaka kugura ibishyamba kuri Goma

n'ubwo cyaba ikiro kimwe, ntihazagire ubimwimira uruhusa. icyo kintu Perefe Kosima Bizimungu akiri ku Gisenyi cyari cyaramunaniye kukivuga no-neho bituma Commandant Bizimana asa n'uwikubira iryo soko. Kuba yari amaze kubona ko inyungu ze zugari-jwe rero, yahisemo kugambanira igihugu cy'ashoza imyigaragambyo mu gihugu cy'abandi. Muri icyo gihe cy'imyigaragambyo y'ibishyamba, muzaperereze murebe, muzasanga mu masaha y'umukwabu, hari amato yagiye yambutsa ibishyamba abivana ku Gisenyi ariye mu Kivu. Abantu ba Commandant Bizimana bakayagaragira. Muri icyo gihe, abanya Gisenyi basabye kwigirizwayo amasaha y'umukwabu, mu nama y'umutekano, Commandant Bizimana yanga ko bayigizayo ngo ku mpamvu z'uko hari inkotanyi ngo ihurutse gusimbukira mu Kivu! Nta kundi abantu bivamo. Ubwo ni nk'aho yari kuvuga ngo ibishyamba byanyije byambukira mu Kivu hakiri kare (saa mbiri) turamutse twigijeye umukwabu byatinda kwambuka. Aribyo twakwita «actes manques».

Kubera ko umwanya utubanye mu to, ubutaha tuzabagezaho ukuntu Bizimana André yishe abantu ntibimenyekane: Tunabagezeho lisiti twasanzwe mu biro bya minisitiri w'intebe iregaga Bizimana ku bantu yagombaga kwicisha iyo inkotanyi zitera ku Gisenyi. Uwo mugambi waburijwemo nuko zitateye dore ko aho gutabara igihugu we yari yiyemeje kujya kurasa abo atavugaga rumwe nabo bose b'ubwo Gisenyi. Barimo **WA**

- Uzabumwana Augustin, umucuruzi
- Singaye André, umucuruzi
- Ndarugoragoye Jean Bosco, umucuruzi
- Mirasano Célestin, umunyabwenge
- Ngeze Hassan, umunyabwenge
- Samvura Barnabé, umunyabwenge
- Nizeyimana Jean Christophe, umunyabwenge
- Hadji Ramadhan N., umucuruzi
- Mbonyiki Benjamin, umucuruzi
- Halleluya Fanuel, Gérant wa BCR
- Dr Ahorukomeye, umuganga.

Abo bose Bizimana yari yabashyize kuri lisiti yo kubarasa iyo inkotanyi zitera. Iryo Perezere turacyararononsora tuzababwira ukuri kuri ryu, ubutaha. Gusa icyababaje abanyagisenyi bose barimo na Perezida wa Repubulika, ni uko nyuma y'uko Bizimana n'agatsiko ke gasahuye kakanica ku Gisenyi, wa

muni w'aba «zoulou», hakoze impapuro zimwimurira ahandi ariko ntawe umenya uzitangira. Kuba yarasahuye abaturage byonyine birahagije kugira ngo abaturage ba Gisenyi bazamwihanire. Ni ah'ubutaha, muri Kangura N° 43, muzabona ubwicanyi, ubusahuzi, guhohotera abandi, ruswa, ubujiji,... Ubwo Kangura isohotse noneho ntawe ukira za telegramu z'ubutitsa zuzuye ubutiriganya. Twe turabimenyereye kandi twarwanye nyinshi.

*NGEZE Hassan.*

*(Ibikurikira p. 11)*

n'ibindi. General Salim Saleh murumuna wa Museveni niwe uyobora ako gatsiko k'abicyanyi "escadron de la mort" gakorerera mu kigo cy'abasirikari barinda Museveni.

Si ubwicanyi gusa, abatutsi ba Museveni basahuye Uganda na nubwabaracyayisahura. Banyanganya amasambu y'abaturage ntihazagire ubakura, biba imodoka bakoresheje imbunda. Uzwi cyane muri ubwo bujura ni Major Drago Nyanzi ufite taxi nyinshi zirirwa zitwara abagenzi aho i Kampala. N'ubwo bwose izo modoka zose ari inyibano, ntawe utinyuka kuzitunga agatoki. Abatutsi baturutse muri za Etiopiya, Somaliya, Kenya n'ahandi baratuzwa mu turere dukize kurusha utundi nka Buganda, Ankole, Toro, Bunyoro, ba kavukire bakirukanwa. Ubukene Uganda irimo ibuterwa na politiki ya Museveni yo gusahura ngo gushaka kwigarurira ibihugu bituranye na Uganda. Intambara Museveni yashoje mu Rwanda itwara Uganda amafaranga menshi, kandi icyo gihugu ari cyo nkingi ya FPR. Uganda itanga amafaranga, intwari, ibikoresho, imodoka, imiti, imyenda, ibiryo n'ibindi. Byose babishyira ku ngengo y'imari ya NRA, itwara hafi 70% bya bijyose y'igihugu.

Muri make, Uganda ntishobora kugira ubwigenge, amahoro, demokarasi isesuye, Museveni akiri ku butegetsu. Aka gace k'Afurika dutuyemo nako kazagira amahwemo ari uko iyo nyeshyamba y'umuhima ivanywe ku butegetsu. Banya Uganda nimwe mu bwirwa. Mwigobotore iyo ngoyi y'abanyamahanga, amateka azabibashimira. Ubonye ngo murutwe na wa mugore Alice Lakwena? **KANGURA**

# INZIRABWOBA ZIRASOBANURA IMPAMVU INYENZI ZIMAZE GUFATA AHANTU HANINI.

Intambara igitangira mu ngabo z'u Rwanda hari harimo ibintu bidasobanutse: ibyitso, umubare muke, ibikoroshu bike, kutamenyera urugamba. Nyuma y'ukwezi bimwe muri ibyo byari bimaze kubonerwa umuti. Umubare, ibikoroshu n'urugamba ruramenyerwa, ariko ibyitso bikomeza kuba urumamfu mu ngabo. Umwaka n'igice washize ingabo z'u Rwanda ziri hejuru y'inyenzi none muri ibi bihe inyenzi nizozikataje mu gutondagira inzirabwoba. Byaba biterwa se n'uko nyine zitagira ubwoba?

Ingabo z'u Rwanda zemera rwose ko inyenzi zimaze gufata ahantu hanini ariko ngo ntibiterwa n'uko ari ibigwari. Aho inyenzi zafashe hose zisa nk'aho zahabonye ubuntu kuko nta mirwano yababaye. Inzirabwoba ziratanga ingero: tariki ya 5 Kamena 1992 inyenzi zitwikiriye ijoro zitera umugi wa Byumba. Ingabo z'u Rwanda zari zasigaye ku mupaka zisa gutabara umugi. Ubwo inyenzi zasigaye inyuma zihita zifata aho zivuye. Umugi umaze kubohorwa, mu gihe cyo kujya kubohora aho inyenzi zafashe zitawanyeye, abanyapolitiki bati "ingabo z'impande zombi zigomba kuguma mu byimbo zirimo". Ejo bundi tariki ya 8 Gashyantare 1993 inyenzi zongeye kubura imirwano, zitera umugi wa Ruhengeri maze abasirikari bari mu birunga, Kidaho, Kagogo na Ntaruka bavayo baza mu mug. Aho hose inyenzi zihafata zitavunitse. Na none kandi, Ruhengeri imaze kubohozwa, abanyapolitiki bahagarika imirwano mu gihe mu rwego rwa gisirikari hategurwaga ingamba zo gusubiza umwami muri bya byimbo bya mbere yari yeguriwe ku maherere.

Icyo twabashije kubona mu bitero by'inyenzi ni uko ibitero bikaze byose bigabwa mu gihe imyaka yeze. Ibi bigasobanura ko inyenzi zidategereza kugemurirwa. Turakeka ko iyo myaka iba yeze ku mpande zombi. Abategetsi b'ingabo zacu rero bakaba bari bakwiye kwisuzuma, bagatoza inzirabwoba kumenya kwirwanaho igihe cyose nta muntu ushobora kuzigemurira. Ibi tubivugiyeye kubera ko hari ingabo zavuye mu birindiro byazo kubera ko inyenzi mu gitero cyo ku itariki ya 8 Gashyantare zari zafunze imihanda icamo imodoka zigemuye. Kuze ubu ingabo z'u Rwanda ntiziraci-


ka intege, Ziracyafite ubushake bwo kuyirwana. Ziracyifuza kurwana kugira ngo zereke inyenzi n'abaherutse kuziyamo ko bibeshye. Aho zabonye ubusa imirwano nisubira ntizizahaguma. Ubu inzirabwoba zarakaye kubera ko inyenzi zaziraseho ngo kuba mu gihugu hari impunzi n'uko zananiwe kubungabunga umutekano w'abanyarwanda. Ingeso y'inyenzi yo gushotora ntabwo iteye ubwoba abasirikari b'u Rwanda. Ahubwo barasaba abanyapolitiki kudahagarika imirwano igitaraganya mu gihe bashotowe. Byibura bajye babaha ukwezi kumwe kw'imirwano isesuye noneho bumvikane ko nyuma yaho izahagarara. None se ubona abanyapolitiki bataba batunguye ingabo z'u Rwanda iyo umwe muri bo afashe ijamba nko kuwa gatandatu saa tatu z'ijoro kugira ngo avuye ko imirwano izahagarara ku wa mbere saa sita z'ijoro? Kuri icyo kibazo cy'abanyapolitiki basobanura ingabo turibaza niba u Rwanda rufashwe mpiri byabazwa Habyarimana, Nsengiyarereye, cyangwa inzirabwoba. Hari n'abibaza niba inzirabwoba zitabanza kwikiza inzitizi zose zituma zidakora umurimo wazo neza.

Abanyapolitiki niba bagenda batesha ingabo z'u Rwanda agaciro. Kubwa umusirikari muri iki gihugu biragenda biba igiseho. Abatarabibona nibategereze bazabibona mu cyirore kizava Arusha kikorewe na Ngurinzira. Hari abasirikari bakubwira bati "tu-

vuye mu ngabo twese tugashiramo niho byaba byiza. Intambara twarwana yo guhashya inyenzi yaba iryoshye cyane kuko hakorwa politiki ya gisirikari gusa".

Amarorerwa y'inyenzi abanyapolitiki b'u Rwanda basa nk'aho batayabona. Baramutse bayabonye, nk'uko inyenzi zisaba ko umusirikari uyu n'uyu cyangwa umutegetsi uyu n'uyu ahagarikwa kubera amakosa aya n'aya, abanyapolitiki b'u Rwanda nabo basaba ko inyenzi iyi n'iyi iba muri FPR kubera amakosa aya n'aya. Biteye isoni kubona FPR ari yo isigaye yirukana abakozi mu Rwanda! Biteye isoni kurushaho kubona inzego za gisirikari z'u Rwanda nazo zisonga! Barihe abarimu bagera kuri 80 bo muri CECDO Bigogwen'ibitangaza bakoze mu Mutara? Ya "bataillon" ya 64 bitanga iy'aba "zoulou" isigaye iba he? Ku ki abaliyeta n'abasoda aribo boherezwa muri gereza kandi ubutwari bwabo bwari garagajwe muri iyi ntambara? Major Uwimana ari hehe? Sii Ntaganda n'Uwiragiye twumva abasirikari babirahira ariko ntitubabone! Iki kinyabupfura, iyi discipline irenze iy'abihaye Imana nayo iri mu bitugambanira. Ku isi yose, muri rusange, umusirikari w'umurwanyi aba afite "discipline" igereranije, icyo numva umusoda yazira ubu, ni ukwanga kurwana.

N.I.



MUTOMBO Joseph na GOPYISI Emmanuel bishwe bazira ibitekerezo by'abahutu. Ababishwe bicare bazi ko tuzabahorera



## GAPYISI na MBONAMPEKA bandikiye KANGURA. Baremeza ko u Rwanda ruri mu byago. Buri wese nashyireho ake !

Nyakwigendera Emmanuel GA-PYISI atari yitaba Imana na mugenzi we MBONAMPEKA Stanislas bahu-riye muri rya huriro ry'amahoro na de-mokarasi (Forum Paix et Démocratie); bandikiye Kangura, batanga ibitekerezo byabo ku bibazo byugarije u Rwanda. Muri rusange, barahamya (kandi nibyo) ko igihugu cyacu cyugarijwe n'ibibazo kidashobora kwivanamo niba buri munyarwanda wese ukunda urwamubuyaye adatanze inkunga ye. Abo bagabo bafashe iya mbere, babimburira abandi. Mwisomere namwe! Duhere ku nyandiko ya Gapyisi.

KANGURA

**GAPYISI Emmanuel ati: "Hapfa uwavutse".**

Nta kintu kitagira itangiriro n'iherezo. N'ubutegetsi ubwo ari bwo bwose, ni uko kandi ni ku isi yose. Amateka y'abatuye iyi si yagiye arangwa buri gihe n'ubutegetsi bwagiye busimburana bukaza kuvanwaho na za revolisiyo, intambara cyangwa se imvururu zishingiyeye ku moko. No mu Rwanda rero ni uko, ikibazo si ukumenya niba ubutegetsi bwa Habyarimana buzavaho cyangwa buzagumaho, ikibazo ni ukumenya ukuntu buzavaho. Buzavaho rero gute?

**Imyaka 20 y'ubutegetsi bw'umuntu umwe.**

Ubutegetsi bwa Habyarimana bwari bumaze imyaka 20, manda yabwo iri hafi kurangira. Ubwo butegetsi bwashyizwaho na coup d'Etat yo mu w'1973 buvuyeho butageze ku ntego bwari bwiyemeje. Bwashyize imbere amahoro, none igihugu kiri muri imwe mu ntambara zikazozuzuzurira kuba mu Rwanda. Ubwo butegetsi kandi bwabanyamuramba ubumwe bw'abanyarwanda, none intambara y'amoko iraca ibantu.

Ibyo byose biragwa ku butegetsi buriraho ariko kandi na kuri nyirabwo, Yvonali Habyarimana yihaye ikuzo abaturage baramuririmbira muri amashuri. Indirimbo yari yacengeje mu haturage zimushimagiza, ubu nizo bamuririmbira ariko bamuhema, aho bamuhaga ikuzo ejo, ubu baramuha induru. Inyikirizo ejo yari: "Jenerali-Major, tu ragushyigikiye, tuzaguturira ijana ku ijana", yahindutse umunsi Habyarimana yavuye ku butegetsi, abantu bazi-

shima" Indirimbo zimiwe, ijwi umwe ariko amagambo yarahindutse. Ni nde wabitekerezaga mu myaka itatu ishize? Na Perezida ubwe yarumwowe!

Habyarimana amaze kuvanaho ku ngufu, uwamubanjirije, Gerigori Kayibanda, wari waranamwizeye cyane, yaje kwigizayo adakina abo bakoranye coup d'Etat yo ku wa 5 Nyakanga 1973. Bamwe bita "les camarades du 5 juillet" iyi myaka 20 ishize yabaye iyishyaka rimwe rukumbi, MRND. N'ubwo gutari ryo shyaka rimwe rukumbi ryabaye ku isi, ryo ryari ritangajwe. Aho MRND yatangarizaga amahanga ni uko yahatiraga abanyarwanda bose kuba: "abarwanashyaka" bayo. Kuba uri umunyarwanda byonyine wabaga umuri "Muvoma." Habyarimana yakomeje gucyurira uwamubanjirije ko yari "ananiwe" nyuma y'imyaka 11 gusa ategereye Habyarimana wa akomeje kwiyumvamo ingufu nyuma y'imyaka 30, harimo 20 ari Perezida wa Repubilika! Na bagenzi be bafatanije guhirika Kayibanda yabigijeyo bose ngo "barananiwe". Si bose ariko, hari umwe wamunaniye, nako wamutorotse. Ni Koloneli Alexis Kanyarongwe, kimwe na Habyarimana ukomeje kwiyumvamo ingufu akaba yanyunzeje kuvanaho ubutegetsi bwa "mugenzi we", akoresheje intwaro.

**Imyaka itatu y'intambara.**

Iyi ntambara tuyimazemo imyaka itatu, "abahunzi" ba Museveni nibu bamushyize ku butegetsi muri Uganda. Batsinze ingabo zikomeye za Idi Amin womeze aho abasirikari be aribo bakomeye muri Afurika y'abirabura inyuma ya Nijeriya. Inyeshyamba za Museveni zari zizewe rero ko ubwo zafashe Uganda, u Rwanda rutari kurushya intambara igitangira, abenshi barabanyamuramba, sakindi yaje kubera ikindi inkotanyi ziratsindwa. Abanyarwanda zishyigikiye barumirwa, nazo ubwazo ntizasobanukirwa. Habyarimana, icyo gihe wari Chef wa Etat Major w'ingabo, arashyirahaguriza yiyitirira ugutsinda kw'ingabo z'u Rwanda kugira ngo aribo uko isura ye yaba nziza. Atangaza ko inkotanyi zitsinzwe burundu, yigira igihangange. Amahirwe yamubanyo make kuko intambara yakomeje na nibu.

FPR itanga impamvu z'ibiri zituma ikomeza intambara

gukemura ikibazo cy'impunzi, guhirika ubutegetsi bw'igitugu bwa Habyarimana.

Icyo umuntu yakwicuza ni uko ubutegetsi bwa Habyarimana bwadejwekeye ikibazo cy'impunzi z'abanyarwanda kugeza aho FPR ikigira impamvu (yumvikana) yo gushoza intambara. Ikibazo cy'impunzi z'abanyarwanda cyahenze mu biro no mu tubati tw'abakozi ba Leta n'abanyapolitiki. Abakiri bato benshi ntabwo bakizi. Kandi icyo bitaba uburangare, icyo kibazo kiba cyarabonewe umuti, hata-gombye intambara. Ibyo ari byo byose, ugutahuka kw'impunzi ntawukibihakana, ni uburenganzira bwazo bwemewe n'amahanga ndetse n'abanyarwanda ubwabo. Nta bwo rero icyo kibazo cyagombye kuba urwitwazo rwo gukomeza intambara.

Icyo FPR isigaye icungiraho, ari nacyo gituma ikomeje intambara, ni uguhirika ubutegetsi bw'igitugu bwa Habyarimana. Abatavuye rumwe n'ubwo butegetsi baba imbere mu gihe, nabo basangiye icyo ntego na FPR. Ariko ntibumvikana ku buryo byagezwaho. Ntibemera inzira FPR yahisemo yo gufata intwaro. Bemeza ko ibyo ari byose, intambwe u Rwanda rumaze gutera muri demokarasi ishingiyeye ku mashyamba menshi ari ndende kubera ibyo rero, intambara n'ibyo yangiza nta kamaro. FPR ikomeje kwibeshya ko intambara ariyo yazanye demokarasi mu Rwanda. Oya! Ariko yagiye icyo ihindura ku migendekere y'icyo demokarasi, icyo y'ntambara itaba, demokarasi ishingiyeye ku mashyamba menshi yari kuba ariko mu buryo butari ubu turimo igihe inkubi y'umuyaga wa demokarasi yasakaraga muri Afurika, demokarasi ntiyari ikeneye intambara ngo igere mu Rwanda. Abanyarwanda ntibari bakeneye abasirikari baturutse mu ngabo z'amahanga (NRA) kugira ngo babone demokarasi baharanyeye. Abaturage ubwabo bari kuyigereraho n'ubwo bwose bari ku babara ndetse bagatanga ibitambo.

**Habyarimana yari akwiye kwigendera atanduranije.**

Habyarimana amaze kwegura ku buyobozi bwa MRND. Ni igikorwa yari akwiye gushimirwa uretse ko yabikoze atinze. Ubonye nibura icyo abikora mu myaka itatu yashize igihe abanyarwange 33 (hari muri Nyakanga

# Abasirikari b'Abafaransa batwaye iki ?

Mu minsi ishize, ikibazo cy'abasirikari b'Abafaransa bari mu Rwanda cyakunze kuvugwa cyane. Abo basirikari bageze mu Rwanda hashiye iminsi miko inyonyi inkotanyi zifaye u Rwanda tariki ya Ukwakira 1990. Baje bafite ubutumwa buzwi: kurongera abafaransa bari ino n'abandi banyamahanga cyane cyane abanyaburayi. Habanje kuza abagera kuri 300, niyongoraho abandi baje cyane cyane igihe inyenzi zarotaga gutata Kigali mu bya bitaro zihurutse kugaba muri Gashya utare uyu mwaka, ku buryo hari igihe bageze kugera kuri 700. Hamaze gutaha abagera kuri 150 mu rwego rwa ya masezerano y'i Dar-Es-Salaam. Ikibazo ari uko abasirikari bakiri ino, ikibazo ni ukumenya impamvu hari abantu bakomeje gutera hajuru ngo nibataho nibataba. Inkotanyi zo zibabaye bifite ishingiro ariko se abandi bo babahara he? Abo bafaransa babatwaye iki?

N'ubwo u Rwanda n'u Bufaransa nta masezerano (yanditse) yo gutabazana, ibyo bihugu byombi byashyize umukono ku masezerano y'ubutwerekane. Ni muri urwo rwego rero mu Rwanda hari abafaransa bakora birya no hino mu mishinga y'amajyambere, hakaba n'abasirikari bari mu rwego rw'ubutwerekane mu bya gisirikari, ibyo ntaho bitaba. Umunyarwanda niwe wavuze ati "Inshuti uyibona mu byago" Kuba abafaransa baratabaye u Rwanda, nta nyungu bafitemo nkuko bamwe babukuka. Abafaransa niba bakolonije u Rwanda. Amateka atubwira ko u Rwanda rwabanye gukolonizwa n'Abadage, hasimburwa n'Ababiligi. Muri aho bese nta numwe wadutabaye inkotanyi zateye. Ibiramambu ababiligi batuvuyemo rugikubita bashyigikira inkotanyi. Ubufaransa kuba bwahereje ingabo zabwo mu Rwanda rugikubita ni uko abafaransa bakunda ubutabera. Amateka y'abanyarwanda n'abafaransa aya gusa, nabo bakoze revolisiyo ya rubanda bipakurira ingoyi ya cyami ahagana mu w'1789 nk'uko no mu Rwanda byagenze mu mwaka w'1959. Abafaransa basanze abanyarwanda barongana hiyemeza kuhatabera. Ubufaransa ni kimwe mu bihugu byagiye bigaragaza ko bidashyigikiye ubutegetsi bw'igitugu cyane cyane ubw'imbunda z'inkotanyi. Inkotanyi zifashye ubutegetsi, abanyarwanda baba bavuye naho bari bari kuko ntawakongera gukopfura.

Hari abavuye ngo kuba ubufaransa budutabera buri gihe, ngo nta rundi rukundo bafiteye abanyarwanda

Ngo baba baje gushyigikira igitugu cyo Habyarimana kuko ari inshuti ya Perezida Mitterand. Kuba Mitterand aziranye na Habyarimana mbona nta gihanga kirimo kuko ubufaransa ari inshuti y'u Rwanda kuva kera. Uretse na Mitterand w'aho bundi Habyarimana yari inshuti ya Valery Giscard d'Estaing, akaba n'inshuti ya Georges Pompidou; inkotanyi zibabaye ko abasirikari b'abafaransa bataha bifite ishingiro kuko bazibangamiye cyane. Bobangamiye intego zayo zo gufata igitugu ku ngufu nk'uko zafashye Uganda, Na Museveni kandi abirimo cyane kuko afite gahunda yo gushyira abatutsi ku butogotsi mu ihugu bituraye aka karere. Nibyamugwa nabi kandi yungutse miliyoni zirenga zindwi z'abanyarwanda baba bagombiye kumenya icyungereze inkotanyi zibufashye mu Rwanda.

**"Politiki y'u Bufaransa ku Rwanda ntizahinduka."**

Abishimiye bumaze ko ishyamba ryari Mitterand (Parti Socialiste) ryatsinzwe mu matora y'abapfite aherutse kuba muri icyo gihugu, nibasubize amaze mu isaho. Uwahoze ari Ambasaderi w'Ubufaransa mu Rwanda Georges Martres niwe uherutse kubakurira inzira ku murima. Yavuze ko politiki y'u Bufaransa mu Rwanda idateze guhin-

**IBIKURIKIRA P 17**  
 1990) banyabwira kurekura ubuyobozi nibura bwa MRND. Hari hakiri kare, ariko Habyarimana arangwa buri igihe ho gukora ibintu ku munota wa nyuma. Bityo bakomeje kuba ko atazi gushishoza ngo abone aho ibintu bigana. Aho kugira asezerere ku buyobozi bwa MRND, byari kuba byiza Habyarimana yigomwe kwiyamamaza umwanya wa Perezida wa Repubilika. Abasesengura ibya politiki bemeza ko Habyarimana azasezere nyuma y'iyi manda, izarangira mu Kuboza 1993. Cyangwa se nyuma y'inzibacyuho. Aramutse agiye byatuma amahoro ugaruka mu Rwanda, hakanajyaho ubutegetsi bushingirye kuri demokrasi. Dore ko FPR ihakomeje kuvugako iza komeza intabara niba Habyarimana atavuyeho. Kandi n'abavugaga rumwe nawe bari imbere mu gihugu bakomeje kuranga Habyarimana ako agundira ubutegetsi. Habyarimana rero yagombye gufata imigambi ya kigabo, akarahira imbere y'abanyarwanda n'abanyamahanga ko atagifite umugambi wo kugundira ubutegetsi. Ibyo byatuma FPR inka intabara, n'abavugaga rumwe

duka ngo ni uko ari Minisitiri w'Intebe w'u Bufaransa uhindutse. Ahubwo icyo usesenguye neza ibyo ishyamba UDF RPR ryatsinzwe mu Bufaransa mu matora y'abapfite avuye, usanga rizarushaho gushyigikira u Rwanda mu ntambara turwana. Kandi na Mitterand aracyafite indi myaka ibiri yo kudukurira ingabo mu bitugu Abanyarwanda rero nibahumura. **KANGURA**

### IBIKURIKIRA P. 8

Ubutegetsi bwa Buyoya bukomeje kandi gushyamba abaturage ngo amashyamba menshi niyo atuma batumvikana. Ari nayo gituma avuye ko ngo andi mashyamba ni udutsiko tw'abagizi ba nabi. Nyamara aho yita abagizi ba nabi niba bagirye kubohozza abarundi? No mu mahanga Uprona ikomeje kubeshya ko ngo abarundi batajijutse bihagije ku buryo bakwitabira politiki ishingiye ku mashyamba menshi. Uretse ko ari n'ikinyoma cyambaye ubusa, bitarantse ari nabyo ni nde wadindije abarundi akababaza mu buti? Si Uprona?

Buyoya afite amayeri menshi, mbese ni nk'ay'inyenzi dore ko ari zane wabo ari nacyo gituma amashyigikira. Yateguye amatora ya huri huri ahari yizera ko azafatirana abarundi. Ari-beshya kuko iminsi y'igisambo ari mirongo ine itarenga. **La Rédaction.**

nawe b'imbere mu gihugu bahangana n'ibindi bitazo igitugu gihura nabyo nko kuzana amashoro, ubwiyungo bw'abanyarwanda, kuzahura ubukungu... aho kurwanira gusa guhirika Habyarimana

Mu magambo make, nyuma y'imyaka 20 y'ubutegetsi bw'igitugu, u Rwanda ruri mu bihe bikomeye rutigeze rugira. Intabara atacyo yigeze ikomera ahubwo ikomeje kuzambya ibintu. Muri iki gihe hari imishyikirano y'amahoro ibera Arusha, ni ngombwa ko buri ruhande rwakwiyumvisha ko iyi ntabara y'abavandimwe igomba kurangira. Byadufasha kandi, Habyarimana aramutse yiyemeje kwigendera nyuma y'iyi manda ye izarangirana n'uyu mwaka. Atinze se akazabikora nyuma ya guvernema y'inzibacyuho itaha. Bizamusaba akanyabugabo no gushyira mu gaciro. Aho guhera mu magambo no mu bitekerezo byiza gusa, igihe kirageze ngo ibyo bitekerezo bishyirwe mu bikorwa. Abanyarwanda mwese nimwe muwirira.

**CAPYISI Emmanuel.**

# MURI P.D.I. INYENZI ZIRISANGA NGO NI "KARIBU" !

## ITANGAZO – MPURUZA

Kuva Repubulika yashingwa muri za mirongo itandatu, abayisilamu bakunze gushyirwa mu majwi n'abategetsi b'icyo gihe. icyo abayisilamu bo mu Rwanda cyane cyane ab'i Kigali baziraga si uko bahisemo idini ya Islamu. Oya ! Ni uburenganzira bahabwa n'itegeko nshinga. icyo baziraga ni ukuba ibyitso by'inzenzi zateraga icyo gihe na nubw. Byageze igihe ubwo bufatanye bw'abayisilamu n'inzenzi butera indi ntera birakaza abategetsi ba Repubulika. Bavuga ko Perezida wa Repubulika ya mbere, Gr. KAYIBANDA yari yafashe icyemezo cyo "gutwika" Biryogo igashiramo ibyitso by'inzenzi.

Aho inzenzi zigabiye ikindi gitero tariki ya mbere Ukwakira 1990, abatutsi benshi bongeye gufatanya nazo. Abayisilamu nabo bongera kwerekana ko bazishyigikiye. Ikibitera nta kindi, ni uko muri iki gihe abatutsi aribo biganje muri iryo dini. Twigeze kuvuga ko nko mu murwa mukuru wa Kigali wonyine, ku bayisilamu ijana, 80 ari abatutsi (80%). Bashyigikiye inzenzi rero nta gitangaza kirimo. Kuva aho abayisilamu bashingiyeye ishyaka ryabo rya politiki PDI, ibintu byasubiye irudubi. Abayobozi b'iryo shyaka bamaze kurigira igikoresho cy'inzenzi. Inyandiko umusomyi wacu Omar BAVUGIBIRIHO uba i Kigali yatwoherereje tariki ya mbere Mata 1993 niyo dutanga ho umugabo.

KANGURA

### NIMWISOMERE NAMWE.

Mwapfa ibyitso by'inzenzi mw'ishyaka ryacu dukunda PDI ! Iryo shyaka twari dutazeho amizero ya rubanda cyane cyane abayisilamu, none amayeri y'abiyita abayobozi baryo bakuru bakoresha aho bukera ararhindura iry'inzenzi. Baremye agatsiko (akazu) k'abanya Cyangugu, gashyigikiwe na TWAGIRAMUNGU Faustin, Perezida wa MDR akaba ari nawe ubacurira imigambi yo kugambanira urwatubayeye akoresheje ibinyoma asanganywe. Abeshya abo bayobozi bakuru ba PDI ngo MDR nitsinda, azabaha ibigo bya leta bategeke !

Ikiraro bambukiraho ni mukuru w'Umuyobozi wa PDI, uri muri MDR, akaba no mu nzego nkuru zayo. Ni we muhuza w'abo bayobozi bombi (BUMAYA — TWAGIRAMUNGU). Ikindi ni uko yabahuje na Minisitiri w'Intebe

n'uw'ububanyi n'amahanga bose bakamwizeza kandi bamuha ihumire ko ko PDI nitabona umwanya muri Guverinoma itaha, ko we n'agatsiko kavuzwe haruguru bazahabwa imyanya y'ubutegetsi ku giti cyabo. Ariko nabo bizeza Minisitiri w'Intebe n'uw'ububanyi n'amahanga ko bazabafasha, bakoresheje ishyaka PDI, gushyigikiye imigambi y'inzenzi.

Abo bagabo BUMAYA André, Hamidu Omar KIYOGOMA bo bashyigikiye inkotanyi kubera imyanya bemerewe ishyira inda zabo imbere batitaye kucyagirira ishyaka akamaro. Naho Sheikh HABIMANA Ibrahimu we akaba inzenzi kabuhariwe kuva kera. Anabifitiye ibimenyetso ku mubiri we. Twarabanye muzi neza. Ku kaboko ke yiyanditseho "Vive Kigeri V", ariko yaje kubisibisha ipasi igihe inzenzi zitera mu kwakira 1990. Uwo Sheikh HABIMANA Ibrahimu anizera ko inzenzi nizifata ubutegetsi azasimbura Sheikh MUGWIZA Ahmad ku mwanya w'ubuyobozi bukuru bwa A.M.U.R. ngo kuko MUGWIZA ari interahamwe. Uwitwa HABINEZA Khamisi we yemerewe kuzaba "depote" muri ya myanya amashyamba yasaranganije Arusha.

Abbas MUKAMA, Omar Adrien. HABIMANA Qassim, uwo bita Chishi (Kishi) nabo bemerewe imyanya mu bigo bizahabwa abo bari ku isonga HARUNA bakunze kwita MATOBRA ufite ikigo cy'ishuri i Kigali we yivugiyeye ko afite ikarita y'ishyamba FPR. Naho Sayidi bita Roshero ufite Town Hotel Restaurant we yivugira ko atanga umusanze muri FPR kandi bombi bakaba bashinzwe kujyana uruburuko rw'u Rwanda mu nyeshyamba za FPR. Kugeza na nubw bakibajyana mu gihe abantu bizeye ko intambara iri hafi kurangira. Yarangira ite se hakiri abantu bafite bene icyo migirire ? Ubugizi bwa nabi bw'abo bagabo bombi ni uko bari bafitanye umugambi n'inkotanyi mu bitero biherutse. FPR yateye abo bagabo bombi bibereye i Bujumbura mu Burundi ku buryo bw'ibanga bari basangiyeye n'abiyita abayobozi bakuru b'ishyamba PDI.


Ikindi gihamya ko abayobozi ba PDI ari ibyitso by'inzenzi, ni nk'uwitwa Haruna usa n'uwerekana ko afiteye iryo shyamba impuhwe ariha imodoka zo gutwara abayoboze muri za mitingi

kandi ari ubutumwa bw'inkotanyi aba asohozwe. Ese ubundi ko yivugira ko ari muri FPR, muri PDI harimo abigira nyoni nyinshi basakuzwa ngo ishyamba ryabo bararikurura barijyana muri MRND kandi bigaragara ko ahubwo abandi banyinshi mu inkotanyi. Ndetse umuntu akaba yanakwemeza ko rwose PDI yashyizwe hanze y'igihugu. Ubonye iryo shyamba ngo ryirengagize akababara n'agahinda k'abavandimwe bacu bo mu Ruhengeri na Byumba. Ngo PDI ntishobora gushyigikiye ingabo koko ? Yewe PDI ugeze kure koko !

Umujura KAYINAMURA Beduwa yakijije inzara no gukorana n'inkotanyi n'ibyitso byazo biri muri PDI none niwe usigaye atanga Plan y'uko inkotanyi zizafata igihugu. We ashatse yakwibera inzenzi kuko ahari amaronko niho ahahira. Kuba rero ari n'umutekamutwe nta gitangaza kirimo. Dore nk'ubu yigize umutara makuru w'inkotanyi, azishyikiriza amakuru ahahabika abategetsi.

Muri PDI nibareke kubeshya ko niba bari barafashe icyemezo cyo kujya muri "opposition", ni uko bashakaga umwanya muri Guverinoma y'inzibacyuho itaha. None icyo pamvu ntiyabonetse. Ni ngombwa rero ko PDI yajya hagati kugira ngo igorore umuzana wayo wagoramye. Kandi nibavugishye ukuri kuko ari nayo ntegano ya demokarasi ya kislamu.

Kigali, le 1 Mata 1993.  
Omar SERUDABA BAVUGIBIRIHO  
Sé.



**TWIBUKE MUTOMBO**

Yavutse mu mwaka w'1957 yitabira Imana muri 1993.

KA02 1816



*Urufu rw'Umuhutu GOPYISI Emmanuel rwatumye twiyemeza kuzamuhorera.  
Inyenzi ziyobowe na Twagiramungu wihishe inyuma ya Musangamfura nizo zamuhitanye.*